Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
**Akarere ka Rwamagana**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya 30 mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 005/03 ryo ku wa 04/05/2023 rishyiraho sitati yihariye igenga abagize Urwego Rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu Gucunga Umutekano (DASSO), mu ngingo yaryo ya 4:

**Ibisabwa kugirango umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

(a) Ari Umunyarwanda;
(b) Yabisabye ku bushake;
(c) Agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) Ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) Atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) Afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) Afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
(h) Atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta; kandi
(i) Yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO.

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka k'urubuga rw'Akarere ka Rwamagana ;
2. Fotokopi y'impamyabumenyi;
3. Icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge
4. Icyemezo cyo kuba atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka (**Criminal record**)
5. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta y'u Rwanda
6. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (**ku bigeze kuzikoramo**)
7. Fotokopi y'indangamuntu
   Inyandiko zisaba akazi zizakirirwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere kuva kuwa 02/05/2025 kugeza kuwa 08/05/2025 guhera satatu (9h00) za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Bikorewe I Rwamagana, kuwa 28/04/2025

AKARERE KA RWAMAGANA

**MUTESI Priscah**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rwamagana**

**P.o. Box: 24 Rwamagana** **Toll Free: 3836** **E-mail : info@rwamagana.gov.rw**